

## **Ikigo kirwanya Umuco wo Kudahana no Kurenganya mu Rwanda**

Centre de Lutte contre l'Impunité et l'Injustice au Rwanda (CLIIR)\*

Boulevard Léopold II, n°227

**1080 Bruxelles**

Tél/Fax:32.81/60.11.13

GSM: 0476.701.569 et 0487.616.651 e-mail :cliir2004@yahoo.fr

**Buruseri, taliki ya 03/10/2011**

### **ITANGAZO n° 127/2011 RIGENEWE ABANYAMAKURU**

**Banyarwandakazi, Banyarwanda mwese bari mu mahanga no mu Rwanda turabasaba kudufasha kwamagana gahunda ya Leta ya Kagame yo kwicisha abaturage INZARA. Nimufashe abavandimwe banyu bashonje bari mu Rwanda bugarijwe na INZARA nkuko bigaragazwa n'iri tangazo. Turasaba inkunga y'abanyamakuru ba BBC, na VOA n'abandi bose basanzwe batabariza abanyarwanda. Turasaba abanyamashyaka ya politiki bose n'imilyango irengera muntu gutabariza abanyarwanda. Musome iri tangazo kandi mubiherekanye mwese kandi henshi hanze no mu Rwanda.**

### **Gahunda ya gushonjesha abaturage irakomeje mu Rwanda**

Mu cyumweru gishize mu mpera z'ukwezi kwa NZERI (septembre) 2011, abaturage benshi bo mu Rwanda baradutabajwe batubwira akababaro batewe n'ibikorwa by'urugomo rwo kubaranduza imyaka no kubatemera intoki n'ibiti by'imbutu ziribwa byari bibatunze.

Dore muri make uko byagiye bigenda mu turere tunyuranye two mu Rwanda :

### **Muri BUTARE**

**Mu cyahoze ari komine Maraba (Butare) muni y'ishyamba rya Huye (Ibisi bya Nyagakecuru) hagabwe igitero cy'abakozi ngo batumwe kuza gutemba intoki, ibiti bya Avocat, n'amacunga, amapera n'amapapayi. Mbese batemaguye intoki n'imyaka yose abaturage bari barahinze. Ndetse n'ibishyimbo byari bimaze kumera barabiribata. Ubu abaturage bararira ayo kwarika kuko basizwe iheruheru n'icyo gikorwa cy'urugomo cyakozwe mu rwego rwa gahunda ndende yo **guhingisha abaturage ku ngufu ibihingwa bitabaturunze** : ibigori, ikawa, inanasi, indabyo, n'ibindi...**

**Kuwa kane tariki ya 29/09/2011, mu cyahoze ari komini MARABA (Butare), mu masegiteri ya CYARUMBO, SHYEMBE (yubatsemo rwa Ruganda rw'ikawa), hagabwe igitero cy'abakozi boherejwe na Leta baraza batema intoki n'ibiti by'imbutu ziribwa (arabesha fruitiers) byose. Abaturage nta kintu cyo kurya basigaranye. Ubu benshi barihebye baheze mu buriri kuko barwaye umubabaro wo kutazabona ikibatunga. Ibyo byakozwe mu rwego rwo kubashishikariza kuhatera amakawa kuko ngo n'imyobo ya kuyatera yacukuwe.**

**Uwanyarukirayo yahagarara ku gasenteri k'ubucuruzi aho bita « Mu Gako » (ni nko kuri KM 10 uvuye mu mugwi wa Butare ugana ku Gikongoro). Aho mu Gako niho hahurira amasegeteri ya Maraba na Huye hakaba na hafi ya Mbazi.**

**Abakozi bakoreshwa muri ibyo bikorwa by'urugomo bahembwa ngo amafaranga 800 Frw.** Iyo baje gutemera abaturage imyaka ibatunze baza bameze nk'abagabye igitero ari benshi cyane bagakandagira imyaka yose yeze mu milima bagatera ubwoba abaturage. Benshi bahitamo bikingirana mu nzu. Bakutse umutima kuko byibutsa inkundura z'ibitero byagambwaga n'interahamwe zazaga kwica, gusenya na gusahura mu gihe cy'itsembabwoko mu Rwanda.

### **Muri RUHENGARI :**

**Kuwa gatanu tariki 30/09/2011, mu karere ka NYABIHU mu cyahoze ari komini ya NKULI mu milima iri aho bita « SASANGABO, KABYAZA abaturage bategetswe kurandura imyaka yabo (ibishyimbo) bagatera ibigori ku ngufu za Leta. Ibishyimbo byaranduwe byahinzwe n'abaturage bemeza ko Leta atariyo isanzwe ibatunze ko nta mpamvu yo kubashonjesha. Abo baturage kandi baciwe amafaranga 10.000 Frw by'igihano cyo kuba barahinze imyaka ibatunga.** Iyo banze gutanga ayo mafaranga, abategetsu bibanze babatera mu ngo zabo bakabatwarira amatungo yo mu rugo : Inka, ihene, ingurube, inkoko n'andi matungo magufi.

Muri ako karere abaturage ntibashaka guhinga ibigori gusa kuko sibyo biryo bibatunze. Barifuzaga guhinga ibishyimbo, ibirayi n'amasaka kuko ariyo myaka ibatunga.

Igitugu cya Leta cyo kubahingisha ibigori n'ibindi bihingwa Leta ibategeka basanga bigamije kubicisha inzara ku buryo bidahagaritswa aka kanya bizamera nk'irindi tsembatsemba ry'abaturage batunzwe n'isuka yabo.

### **Muri KIBUYE :**

Mu mpera z'ukwezi kwa NZERI 2011, mu cyahoze ari perefegitura KIBUYE, komini GITESI naho Leta ya Kagame yagabyeyo igitero cyo gutema intoki no kwangiza imyaka y'abaturage. Iyo gahunda yatangijwe guhera muri segiteri BURUNGA (babujijwe guhinga), Batemye intoki zegereye umuhanda aho bita « Mu Kigezi ukazamuka ukagera kuri FOYER ugana mu mujyi wa Kibuye muri Gitesi.

### **Muri CYANGUGU :**

Mu mpera z'ukwezi kwa Nzeli (fin Septembre) 2011, mu cyahoze ari Komini KARENTERA (Cyangugu), segiteri NYANUNDA, muri paruwasi gatolika ya MWEZI, abaturage bategetswe kurandura ibishyimbo n'imyumbati bahinze. Abaturage barimo kurira ayo kwarika kubera ko inzara izabamarira kw'icumu.

Ibi bikorwa by'urugomo bikorerwa abaturage biherekejwe n'iterabwoba rikabije. Abayobozi b'ibanze nabo ngo baba batewe hejuru n'ababakuriye muri buri Karere.

### **Muri BYUMBA :**

Mu Akarere ka RULINDO mu cyahoze cyitwa Komine CYUNGO babujije abaturage guhinga ibijumba n'amasaka kandi aribyo biribwa bibatunze. Babategeka guhinga ibigori ku ngufu. Ibi bikorwa abaturage bita urugomo rwa Leta byakozwe mu mpera za Nzeri 2011.

Mu cyahoze ari komini RUTARE, BUYOGA, KIBALI, GITI na RUTARE naho niko bimeze. Abaturage babujijwe guhinga imyaka izanzwe ibatunga (ibijumba, amasaka, imyumbati. Ngo

bagomba guhinga ibyo Leta ibategetse (ibigori) kandi nta biribwa by'inshumbunshanyo Leta yabateganirije.

**Twibutse ko gahunda yo gushonjesha abaturage imaze iminsi iyogoza abanyarwanda : (Nimwisomere amateka yayo)**

**RUHENGURI** : Abayobozi baranduye imyaka y'abaturage babashinje kwinangira (Imvaho n°1925 du 28 au 30 septembre 2009) Abaturage bagera kuri 1/10 cy'abatuye Umurenge wa Cyuve mu Karere ka Musanze ngo bigometse kuri gahunda yo guhuza imikoreshereze y'ubutaka bugahingwaho igihingwa kimwe, nk'uko bitangazwa n'ubuyobozi bw'uyu murenge. Aba baturage batabibona batyo ariko, bo barashinje abayobozi babo kubarandurira imyaka bagasaba kuremanganurwa.

**KARONGI** : **Ku cyumweru taliki ya 03/01/2010 mu makuru yanyuze kuri radio Rwanda saa moya z'umugoroba**; mu gice cy'amakuru cyitwa IBIVUGWA IWACU; umunyamakurukazi witwa Kanyumba Beyata uhagarariye ORINFOR mu turere twa Karongi na Rutsiro, mu nkuru ye ijyanye n'ivugurura ry'ubuhinzi ry'ahitwa Manihira muri Rutsiro yatangiye agira ati: Iyo abaturage baho hantu bumvise ko hari umunyamakuru ugeze muri ako karere baza biruka kugirango **bamugezeho akababaro kabo batewe n'inzara bafite kubera ibyiswe ivugurura ry'ubuhinzi muli ako Karere.**

Mu bumvikanye muri icyo kiganiro harimo umubyeyi witwa Musabyimana Madelena wagize ati turashonje rwose kubera ko **imilima yacu badutegetse kuyigurisha ati ahantu hari ubutaka bwiza twahingaga ibirayi ubu bahateye icyayi**, ati barazaga **bakaduha amafranga y'intica ntikize ingana n'ibihumbi 600 kw' isambu ingana na hegitari kandi irimo inzu**, ati kandi ntibigeze batwereka ahandi dutura none ayo mafranga twarayamaze twirirwa bamwe tubungera dusabiriza. Yagize ati kandi aho bamwe basigaranye hatatwe icyayi **babujije abaturage kuhatera ibijumba kandi byari bimwe mu biribwa biramira abaturage muli ako karere**. Ngo no kubashakaga guhinga muli iyi minsi barababujije ngo **babategeka ko bese bazatangira guhingira rimwe mu kwezi kwa kabiri kandi bagahinga ibiribwa abayobozi bazabahitiramo**. Ikindi yavuze ni uko ngo **babategetse gutema intoki ngo bababeshya ko zirwaye indwara ya kirabiranya**, ngo ahubwo ari ukugirango insina zicibwe muli ako karere. Ngo uwatindaga gutema urutoki rwe ngo bamucaga amfaranga 5000.

**CYANGUGU**: **Mu kwezi kwa Gashyantare (février) 2010** muri mugwi wa Kamembe (Cyangugu) bahatemye intoki z'abaturage hakoreshejwe igitugu n'iterabwoba.

**GITARAMA** : Itangazo rya CLIIR, n°95/2006 ryo muri Nzeri ryamanye gahunda yo gutema INTOKI muri Gitarama. Icyo gihe gahunda yarahagaze ariko ubu ishobora kongera kubura.

**Amategeko ya LONI abuza Leta zose gushonjesha abaturage no gushwanyaguza amasambu yabo bahingamo ibibatunga:**

Nkuko byanditswe mu gitabo cyasohotse muri Gicurasi 2003 (muri Editions Mille et Une nuits, collection Essai) cyitwa "*Le droit à l'Alimentation*" cy'umugabo w'umusuwisi witwa **Jean ZIEGLER**, wabaye Rapporteur wa LONI ushinze ibiribwa taliki ya 17/04/2000:

1) Nta Leta nimwe ifite uburenganzira bwo kubuza abaturage guhinga imyaka isanzwe ibatunga. Ahubwo Leta zitegekwa na LONI kugaburira abaturage iyo bashonje.

- 2) Buri muturage utuye kw'isi afite uburenganzira bwo guhinga isambu ye agahingamo ibiribwa ashatse bimumutunga kandi bihujye n'imilire ye bwite asanganwe. Dore uko abivugaga mu rurimi rw'igifaransa: «*Le droit à l'alimentation est le droit d'avoir un accès régulier, permanent et libre, soit directement, soit au moyen d'achats monétaires, à une nourriture quantitativement et qualitativement adéquate et suffisante, correspondant aux traditions culturelles du peuple dont est issu le consommateur et qui assure une vie psychique et physique, individuelle et collective, libre d'angoisse, satisfaisante et digne*». Nkuko mubibona mu ncamake (résumé) y'igifuniko cy'icyo gitabo cye, Jean ZIEGLER aragira ati : Kwisi buri muni hapfa abaturage 100.000, miliyoni 826 barangwa n'imirire mibi n'uburwayi bujyana n'inzara. Yongeramo ati nyamara ubukungu buri kw'isi bwatungaga miliyari 12 z'abantu bakarya neza bagahaga, bagatura neza. Ati ibihingwa bigaburira abantu kw'isi biragenda birekwa guhingwa ahubwo amasosiyete mpuzamahanga niyo agenda yiharira ubuhinzi n'imbuto z'ibihingwa. Ngo byose bigakungahaza ibihugu by'iBurayi bisanzwe bifite umusaruro w'ikirenga mu gihe ubuhinzi bwo mu bihugu bikennye bwo bugenda busenyuka gahoro gahoro. Ati mu rwego rwo kurwanya ingaruka zo kugurisha ibigo bya Leta no kwiharira ubukungu, LONI yahimbye ubundi burenganzira bushya : « **Uburenganzira bwo Kwihaza mu biribwa** »
- 3) Twibutse kandi ko abaturage batuye mu Karere k'Ubugoyi mu byahoze ari amakomini ya Kanama, Rubavu na Nyamyumba **bongeye kurwara amavunja** nko ku gihe cy'ubukoronzi n'ingoma za cyami. Benshi muri bo bagiye basenyerwa amazu bagatemerwa INTOKI zari zibatunze. Basubiye mu bukene buteye agahinda, ubu bamwe muri bo barwaye amavunja abagera ku matwi. Tuzabagezaho amakuru yabavuzweho na BBC mu myaka yashize.
- 4) Ikigo kirwanya Umuco wo Kudahana no Kurenganya mu Rwanda (CLIIR) kirasaba abanyarwanda bose baba mu Rwanda no mu mahanga gukurikirana bene wabo batuye hirya no hino mu makomini bakamenya aho gahunda ya Leta igeze ibicisha inzara. Bakabitugezaho tukabafasha kubarenganura no gusaba Leta y'u Rwanda guhagarika iyo gahunda yamaganwa n'amategeko mpuzamahanga arebana na « Uburenganzira bwa buri muntu bwo kubona ibimutunga bikwiye kandi bimumogeye » (Le droit à l'alimentation).
- 5) Ikigo CLIIR kirasaba **abanyapolitiki bari mu Rwanda**, cyane abo mu mashyaka ya PS Imberakuri na FDU Inkingi gushyiraho za Komisiyo zishinzwe kurwanya iyo gahunda yo kwicisha abaturage inzara ukoresheje amayeri yo guhingisha igihingwa kimwe muri buri karere (MONOCULTURE) kandi bigakorwa ku ngufu riherekejwe n'iterabwoba. Tuributsa ko Umulyango wa LONI ushinze Ibiribwa kw'isi (FAO) wabujije za Leta guhatira abaturage guhinga igihingwa kimwe (monoculture). Byanditse mu gitabo cya ZIEGLER cyitwa « Le droit à l'Alimentation ». Ayo mashyaka asabwe kwohereza izo Komisiyo mu turere twayogojwe n'urwo rugomo rukorwa mw'izina rya Leta.
- 6) Ikigo CLIIR kirasaba Abakuru ba Amadini yose akorera mu Rwanda (Kiliziya Gatorika, Kiliziya zose z'abaporoso, Abadivantisiti, Abapentekote, Abayisilamu, n'andi madini amaze iminsi avuka mu Rwanda, guhagurukira kurwanya iya gahunda igamije kwicisha abaturage INZARA, UBUKENE, no KWIHEBA mu buzima bw'ejo hazaza.

Bikorewe i Buruseli, ku wa mbere taliki ya 03/10/2011

**Umuhuzabikorwa w'Ikigo CLIIR, MATATA Joseph.**

**« Le droit à l'alimentation »**

un livre de Jean Ziegler publié à Paris (France) en mai 2003 aux Editions Mille et Une nuits, collection Essai

Résumé de la couverture arrière:

Chaque jour, 100.000 personnes meurent de faim ou de ses conséquences immédiates et 826 millions d'être sont gravement sous-alimentés de façon chronique. Or la planète regorge de richesses, les ressources agricoles pourraient normalement nourrir 12 milliards d'être humains, soit deux fois la population mondiale.

L'actuel ordre du monde n'est donc pas seulement meurtrier, il est aussi absurde : l'abandon à grande échelle des cultures vivrières, la mainmise des multinationales de l'agroalimentaire sur les semences et la production, les échanges commerciaux au bénéfice des pays du Nord en surproduction, entraînent inexorablement la destruction et la faim de millions de personnes... Afin de réduire les conséquences désastreuses des politiques de libéralisation et de privatisation à l'extrême, pratiquée par les maîtres du monde et leurs mercenaires (FMI, OMC), l'Assemblée générale des Nations Unies a décidé de créer et de rendre justiciable un nouveau droit de l'homme : **le droit à l'alimentation**.

*« Le droit à l'alimentation est le droit d'avoir un accès régulier, permanent et libre, soit directement, soit au moyen d'achats monétaires, à une nourriture quantitativement et qualitativement adéquate et suffisante, correspondant aux traditions culturelles du peuple dont est issu le consommateur et qui assure une vie psychique et physique, individuelle et collective, libre d'angoisse, satisfaisante et digne ».*

Déjà quelques pays du tiers-monde (Brésil, Afrique du Sud) s'en emparent et tentent de remédier au plus vite aux souffrances de leurs populations.

**Jean Ziegler est Rapporteur spécial des Nations Unies pour le droit à l'alimentation.**

Auteur de nombreux ouvrages sur le tiers-monde, il a notamment publié *La Suisse, l'Or et les morts* (Le Seuil, 1997), *les Seigneurs du crime* (Le Seuil, 1999) et *les Nouveaux Maîtres du monde* (Fayard, 2002)

## **Abayobozi baranduye imyaka y'abaturage babashinja kwinangira**

**(Imvaho n°1925 du 28 au 30 septembre 2009)**

*Igihingwa kigiye aho cyagenewe kirashisha*

**Abaturage bagera kuri 1/10 cy'abatuye Umurenge wa Cyuve mu Karere ka Musanze ngo bigometse kuri gahunda yo guhuza imikoreshereze y'ubutaka bugahingwaho igihingwa kimwe, nk'uko bitangazwa n'ubuyobozi bw'uyu murenge. Aba baturage batabibona batyo ariko, bo barashinja abayobozi babo kubarandurira imyaka bagasaba kuremanganurwa.**

Mu Murenge wa Cyuve mu Karere ka Musanze abaturage barashinja abayobozi kuba barabaranduriye imyaka, nabo bakabashinja kuvunira ibiti mu matwi kuri gahunda ya Leta yo guhinga ku butaka runaka igihingwa cyahateganyirijwe. Mu tugari twa **Bukinanyana na Cyanya** aba baturage bavuga ko abayobozi babaranduriye amasaka bakabategeka gutera ibigori bitwaje gahunda yo guhuza imikoreshereze y'ubutaka kandi ngo batarabanje kubibakangurira ngo babateguze ibyo bazahinga. **Ntirivamunda François ni umwe muri abo baturage bavugako baranduriwe imyaka.** Ashinja Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'akagali ke ka Bukinanyana kumurandurira amasaka afatanyije n'umukuru w'umudugudu atuyemo ndetse n'ushinzwe ubuhinzi mu Murenge wa Cyuve. Avuga ko yahinze imyaka ye mbere y'uko ubuyobozi bubagezaho gahunda yo guhinga igihingwa cyatoranyijwe, ngo akaba akeneye kuremanganurwa.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'aka Kagali **Uwimbabazi Clémentine**, yemera ko koko iyi myaka yaranduwe byemejwe n'inzego ziyobora akagali. Kuri we ngo bwari uburyo bwo gukosora aba baturage asanga bafite imyumvire mibi ku bijyanye na gahunda ya Leta yo guhuza imikoreshereze y'ubutaka bugahingwaho igihingwa cyatoranyijwe. Avuga ko abaturage bamenyeshejwe hakiri kare iby'iyi gahunda bakihitiramo n'ibihingwa bazahinga bitewe n'ibikunda kwera mu midugudu yabo. N'ikimenyimenyi ngo abitabiriye iyi gahunda bari ku idembe kuko umusaruro wabo wiyongereye.

Umunyamabanga nshingwabikorwa w'umurenge wa Cyuve **Mukasine Hélène** nawe yemeza ko **basobanuriye abaturage mbere y'igihe ibihingwa bizahingwa, icyakora ngo hakagira ababanyura muri humye bakabiba amasaka ari nayo yaje kurandurwa.** Agaragaza ko utugari twa Bukinanyana na Cyanya dufite abaturage benshi bavuniye ibiti mu matwi ari natwo dufite abatindi nyakujya benshi. Ashinja kandi abagabo bahoze ari abayobozi mu Kagali ka Cyanya bafunzwe bazira kwiba amatiyo y'amazi bakaza no gusimburwa n'abandi, kuba aribo bagandisha abaturage. Abo ni **Ayindigira wari umuhuzabikorwa w'akagali, na Twahirwa Théogène** wari ukuriye akanama gashinzwe amajyambere(CDC)

Umurenge wa Cyuve utuwe **n'abaturage 30.390** bagabanyije **mu ngo 6.575** . Ubuso bumaze guhurizwaho ibigori ni ha 690, ibishyimbo ni ha 300 mu gihe ibirayi ari ha 80. Ibyo akaba ari nabyo bihingwa byatoranyijwe muri uwo murenge. Ubucucike muri Cyuve buri hejuru cyane kuko abaturage 920 babyiganira kuri kilometerokare. Abaturage bigometse kuri gahunda yo guhuza imikoreshereze y'ubutaka ngo ni kimwe cya cumi cy'abatuye uyu murenge.

**Jean Pierre KAGABO**  
**ORINFOR- Musanze**

## **Abayobozi baranduye imyaka y'abaturage babashinja kwinangira**

**(Imvaho n°1925 du 28 au 30 septembre 2009)**



*Igihingwa kigiye aho cyagenewe kirashisha*

**Abaturage bagera kuri 1/10 cy'abatuye Umurenge wa Cyuve mu Karere ka Musanze ngo bigometse kuri gahunda yo guhuza imikoreshereze y'ubutaka bugahingwaho igihingwa kimwe, nk'uko bitangazwa n'ubuyobozi bw'uyu murenge. Aba baturage batabibona batyo ariko, bo barashinja abayobozi babo kubarandurira imyaka bagasaba kuremanganurwa.**

Mu Murenge wa Cyuve mu Karere ka Musanze abaturage barashinja abayobozi kuba barabaranduriye imyaka, nabo bakabashinja kuvunira ibiti mu matwi kuri gahunda ya Leta yo guhinga ku butaka runaka igihingwa cyahateganyirijwe. Mu tugari twa Bukinanyana na Cyanya aba baturage bavuga ko abayobozi babaranduriye amasaka bakabategeka gutera ibigori bitwaje gahunda yo guhuza imikoreshereze y'ubutaka kandi ngo batarabanje kubibakangurira ngo babateguze ibyo bazahinga. Ntirivamunda François ni umwe muri abo baturage bavugako baranduriwe imyaka. Ashinja Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'akagali ke ka Bukinanyana kumurandurira amasaka afatanyije n'umukuru w'umudugudu atuyemo ndetse n'ushinzwe ubuhinzi mu Murenge wa Cyuve. Avuga ko yahinze imyaka ye mbere y'uko ubuyobozi bubagezaho gahunda yo guhinga igihingwa cyatoranyijwe, ngo akaba akeneye kuremanganurwa.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’aka Kagali Uwimbabazi Clémentine, yemera ko koko iyi myaka yaranduwe byemejwe n’inzego ziyobora akagali. Kuri we ngo bwari uburyo bwo gukosora aba baturage asanga bafite imyumvire mibi ku bijyanye na gahunda ya Leta yo guhuza imikoreshereze y’ubutaka bugahingwaho igihingwa cyatoranyijwe. Avuga ko abaturage bamenyeshejwe hakiri kare iby’iyi gahunda bakihitiramo n’ibihingwa bazahinga bitewe n’ibikunda kwera mu midugudu yabo. N’ikimenyimenyi ngo abitabiriye iyi gahunda bari ku idembe kuko umusaruro wabo wiyongereye.

Umunyamabanga nshingwabikorwa w’umurenge wa Cyuve Mukasine Hélène nawe yemeza ko basobanuriye abaturage mbere y’igihe ibihingwa bizahingwa, icyakora ngo hakagira ababanyura muri humye bakabiba amasaka ari nayo yaje kurandurwa. Agaragaza ko utugari twa Bukinanyana na Cyanya dufite abaturage benshi bavuniye ibiti mu matwi ari natwo dufite abatindi cyakujya benshi. Ashinja kandi abagabo bahoze ari abayobozi mu Kagali ka Cyanya bafunzwe bazira kwiba amatiyo y’amazi bakaza no gusimburwa n’abandi, kuba aribo bagandisha abaturage. Abo ni Ayindigira wari umuhuzabikorwa w’akagali, na Twahirwa Théogène wari ukuriye akanama gashinzwe amajyambere(CDC)

Umurenge wa Cyuve utuwe n’abaturage 30.390 bagabanyije mu ngo 6.575 . Ubuso bumaze guhurizwaho ibigori ni ha 690, ibishyimbo ni ha 300 mu gihe ibirayi ari ha 80. Ibyo akaba ari nabyo bihingwa byatoranyijwe muri uwo murenge. Ubucucike muri Cyuve buri hejuru cyane kuko abaturage 920 babyiganira kuri kilometerokare. Abaturage bigometse kuri gahunda yo guhuza imikoreshereze y’ubutaka ngo ni kimwe cya cumi cy’abatuye uyu murenge.

**Jean Pierre KAGABO**  
**ORINFOR- Musanze**



# Rwanda: Akababaro Mu Rwanda Ni Kenshi Cyaneeeeeee

Byanditswe Tariki ya: 01-09-2010 19:54:33 (-0500 GMT)

Inkuru ya: Lasta

Banyarubuga muriho ?! umwaka mushya

Munyihanganire kuba ntangiranye umwaka **inkuru z'agahinda** n'uko ariko Muri macye rero iyi nkuru nyikuye ku rundi rubuga rwa internet , ndavuga nti reka nyizanyire ba bacuti banjye dusangiye urubuga " iwacu1.com " . ni imwe muri nyinshi z'akababaro abaturage bo mu Rwanda bahura nako **kagendanye no kwicishwa inzara** n'ibindi bibi byinshi.

Ntabatindiye rero wa mugani w'Indamutsa nimwihere amaso :

Inkuru yashyizwe kuli internet na Pierre Misago.

Muraho banyarwanda bavandimwe, mbera na mbere mbanje kubifuriza umwaka mushya muhire wa 2010.

Muri make rero ejo **ku cyumweru kuwa 3/1/2010 mu makuru yanyuze kuri radio Rwanda saa moya z'umugoroba**; mu gice cy amakuru cyitwa IBIVUGWA IWACU; umunyamakurukazi witwa Kanyumba Beyata uhagarariye ORINFOR mu turere twa Karongi na Rutsiro, mu nkuru ye ijyanye n'ivugurura ry'ubuhinzi ry'ahitwa Manihira muri Rutsiro yatangiye agira ati: Iyo abaturage baho hantu bumvise ko hari umunyamakuru ugeze muri ako karere baza biruka kugirango **bamugezeho akababaro kabo batewe n'inzara bafite kubera ibyiswe ivugurura ry'ubuhinzi muli ako Karere.**

Mu bumvikanye muri icyo kiganiro harimo umubyeyi witwa Musabyimana Madelena wagize ati turashonje rwose kubera ko **imilima yacu badutegetse kuyigurisha ati ahantu hari ubutaka bwiza twahingaga ibirayi ubu bahateye icyayi**, ati barazaga bakaduha amafranga y'intica ntikize ingana n'ibihumbi 600 kw' isambu ingana na hegitari kandi irimo inzu, ati kandi ntibigeze batwerekaga ahandi dutura none ayo mafranga twarayamaze twirirwa bamwe tubungera dusabiriza. Yagize ati kandi aho bamwe basigaranye hatatwe icyayi **babujije abaturage kuhatera ibijumba kandi byari bimwe mu biribwa biramira abaturage muli ako karere**. Ngo no kubashakaga guhinga muli iyi minsi barababujije ngo **babategeka ko bose bazatangira guhingira rimwe mu kwezi kwa kabiri kandi bagahinga ibiribwa abayobozi bazabahitiramo**. Ikindi yavuze ni uko ngo **babategetse gutema intoki ngo bababeshya ko zirwaye indwara ya kirabiranya**, ngo ahubwo ari ukugirango insina zicibwe muli ako karere. **Ngo uwatindaga gutema urutoki rwe ngo bamucaga amfranga 5000.**

Umunyamakuru yarangije abaza umuyobozi w'akarere ka Rutsiro ngo agire icyo avuga kuli ibyo bibazo yagize ati: Twafashe amasambu y'abaturage tuyaha abahinga icyayi, amasambu y'abaturage yagurwaga hagati ya 600.000 na 1.000.000 bitewe n'uko isambu ingana. ati **iby twabikoze duteganya ko abaturage bazajya bakora muli icyo cyayi bagahembwa amafranga 600** (1.05 mu madolari) ku munsu akaba aribyo bibatunga.

Mu byukuri rero ibyo ntibyagenze gutyo kuko abaturage bashonje, kandi babuze kivugira mu gihe bafite abiyita intumwa zabo kandi bakabihemberwa.

Ngayo nguko mukomeze mugire umwaka mwiza bavandimwe; uwashobora kugira icyo akora kugirango akababaro k'abaturage kagabanyuke yaba akoreye Imana.

Source:Iwacu1.com

## **Ikigo kirwanya Umuco wo Kudahana no Kurenganya mu Rwanda**

Centre de Lutte contre l'Impunité et l'Injustice au Rwanda (CLIIR)\*

BP 141, Bruxelles 3.

Bruxelles, le 25 janvier 2006.

**1210 BRUXELLES** - Tél/Fax:32.81/60.11.13

GSM: 0476.701.569 e-mail :cliir2004@yahoo.fr

Banyarwandakazi, Banyarwanda mwese bari mu mahanga turabasaba kugerageza kwoherereza abavandimwe banyu bashonje bari mu Rwanda bugarijwe na INZARA nkuko byavuzwe mu makuru ya Radiyo Ijwi rya Amerika yo kw'itariki 18/01/2006.

Ibibazo by'inzara kandi byakuruwe no kwambura abaturage amasambu yabo, kubatuzza ku ngufu mu midugudu, kubambura ibishanga bigahabwa abantu cyangwa amashyirahamwe agizwe n'ibikomangoma bya FPR-Inkotanyi. Ikindi giteje abantu inzara ni igitugu cyo kwambura abaturage ibirombe by'amatafari n'amategura ikabiharira na none ibikomangoma byayo cyangwa Leta igashinyagurira abantu ngo bazajye bubakisha « Ruriba » n'amabati kandi bihenda. Kubuza abaturage gutema amashyamba yabo kandi yari abatunze nabyo birabashonjesha. Abanyururu basaga 100.000 bamaze imyaka 11 bafunzwe, benshi muri bo Leta ikaba yarabahinduye abacakara (esclaves déguisés) bakodeshwa bagakorera ubuntu, amafaranga y'ubukode bwabo akinjizwa mu masanduka atazwi ya FPR (caisses noires du FPR).

Twabandukuriye ayo makuru avuga iby'inzara i Butare n'i Kibungo.

### **Amakuru ya VOA tariki 18/01/2006: INZARA iranuma mu Rwanda**

**KAREKEZI** : Turacyari mu Rwanda kandi. Inzara aho bucyera iraca ibintu mu turere twazahajwe n'izuba mu Rwanda. Mu majyepfo y'igihugu, mu ntara y'amajyepfo baratabaza abantu bataratangira gupfa. Lucie UMUKUNDWA yatembereye muri ako karere agiye kutugezaho uko byifashe.

**Lucie Umukundwa** : Ahahoze intara ya Butare ubu hitwa intara y'amajyepfo, imirenge yugarijwe cyane n'amapfa ni MUGOMBWA, KIBINGO na NYAKIZU. Tumaze kwambuka umugezi wa Mugina ukikijwe n'igishanga cya CYIHENE, nibwo twatangiye kubona ko izuba licanye cyane igihe kirekire. Amazi muri icyo gishanga yarakamye, umugezi nawo usibye indeka z'amazi hamwe na hamwe, ubu ntugitemba. Icyo gishanga cya CYIHENE cyari gitunze abaturage benshi mu bihe bikomeye by'izuba ariko ubu usibye imigozi y'ibijumba n'amateke nabyo ubona nta musaruro bizatanga, soya, ibishyimbo, ibigori n'imboga byumye bitarageza n'igihe cyo kuraba. Ku misozi ho n'ibindi bindi. Intoki ndetse n'ikawa bikunze kwihanganira izuba ubusanzwe nabyo byatangiye guhisha. Tugeze mw'isoko rya KIGEMBE twahasanze abaturage benshi buzuyemo ariko abazanye imyaka bari mbarwa. Usibye abacuruzi bari barahunitse nabo bongeza ibiciro buri muni, n'abandi bavana utuntu i Burundi, cyane cyane ibitoki n'umuceri, abenshi ni abaza kwisuma cyangwa kureba niba hari uwabagirira neza akagira icyo yabaha. Hari n'ababa barashoboye kubona udufaranga ducye

bakaza kureba niba hari icyo baramiza imilyango yabo. Twumve abo baturage bamwe twasanze mw'isoko rya KIGEME :

**Umuturage** : Jyewe nitwa Tereza Bakaruyundo, naje mw'isoko nturuka Akagari NYAMUGARI. Jyewe naje gushaka nka utuntu nahaha two kurya. Jyewe nahinze ibishyimbo biruma byose nta na kimwe nakuyemo, nasaruye. Udufaranga nazanye ni amafaranga 100 umwana yakoreye mbega atwara umucanga, awutwarira uwawupatanishije guhoma inzu.

**Lucie Umukundwa** : *Ayo mafaranga 100 urayahahisha se iki ?*

**Umuturage Tereza Bakaruyundo** : Ndayahahisha nyine agace k'ifu y'imyumbati nje kurya.

**Lucie Umukundwa** : *Muragasangira muri bangahe mu rugo ?*

**Tereza Bakaruyundo** : Turagasangira turi bane.

**Lucie Umukundwa** : *Nta kindi kintu ufite cyo kurisha, murya agatsima gusa ?*

**Tereza Bakaruyundo** : Kereka mbonye nk'ahantu nyine agasombe kataruma, ngasaba nkaba ariko nkoza.

**Lucie Umukundwa** : Aho iryo soko rirempera hegereye umupaka w'u Rwanda n'u Burundi. Abenshi mu baturage biyobeye bahitamo kwifatira inzira y'i Burundi bakigira mu nkambi z'impunzi. Banemeza ko GACACA atariyo ihungisha abantu, ko ahubwo ari inzara. **Mu rwego rwo kurinda ibidukikije Leta yahagaritse itema ry'amashyamba no gutwika amakara, amategura n'amatafari, byari bisanzwe bitunze abaturage baho hegereye umupaka w'u Rwanda n'u Burundi. Ubu nta wundi murimo bashobora gukora wabaha agafaranga. Kubera ayo mapfa, abanyeshuri bashoboye kujya kwiga mu gitondo, ntibasubirayo nimugoroba. Ndetse ngo abandi bahisemo kurivamo burundu. Hari na bamwe mu rubyiruko twasanze mw'isoko, biga mu mashuri yisumbuye byayobeye, babuze uko basubira ku mashuri kuko ababyeyi babo nta murimo bagifite bakaba bataranashoboye gusarura ni ikintu nakimwe. Leta irateganya gutangize imilimo yo gukora imihanda no gucukura imiringoti y'imirwanyasuri, abaturage bakazahembwa ibyo kurya.**

Indi nzara yibasiye cyane mu turere twa ahahoze ari Kigali-Ngari mu Bugesera na za Kibungo, aho abaturage basuhutse mu zindi ngo ari benshi.

**Lucie Umukundwa**, Ijwi rya Amerika (VOA) i Butare.

**NB: Byandukuwe na Umuhuzabikorwa w'Ikigo, Bwana MATATA Joseph**

Imvaho Nshya NO 1623 tariki ya 17 kugeza 23 Ukwakira 2005

## **Umunsi w'ibiribwa wijihiye havugwa inzara** **Rurangwa Théoneste**

**Umunsi w'ibiribwa ku isi wijihiye mu Rwanda ku ya 14/10/2005**, wizihijwe inzara ivugwa bitewe n'umusaruro ugenda ugabanuka kandi abaturage bo badasiba kwiyongera. Aho wijihiye muri Butaro uretse n'ibigori bizwi mu busabane nta n'akagage kasangiye byerekana uburyo inzara inuma.

Ibiri byarangiywe abaturage bifurizwa guhorana amata ku ruhimbi maze buri wese ataha iwe kureba icyo yizimanira ku buryo hari abavuze ko umunsi w'ibiribwa utarimo ubusabane nta kigenda.

**Umukuru w'Intara ya Ruhengeri, Boniface Rucagu** nawe mu ijamba rye yashimangiye ko n'ubwo ari ukwizihiza umunsi w'ibiribwa hari ibibazo by'inzara. Yagiraga ati : « Umunsi w'ibiribwa wizihirijwe i Butaro, ubaye ubutaka bwaragundutse, ubaye ubutaka bwarabayeho buto. Ubaye abaturage bakennye. Umunsi w'ibiribwa ubaye bamwe bashonje hari n'abakubitira abana kuryama. Ubaye urugezi ruri hafi kuducika, ubaye kandi ibiyaga bikama”.

**Minisitiri w'Intebe Bernard Makuza** nawe mu ijamba rye yagarutse ku nzara avuga ko kuba FAO (Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Biribwa) yarashyizeho umunsi w'ibiribwa ari uko yabonaga ko hari abazahazwa n'inzara cyangwa imirire mibi. **Yagarutse ku ijamba ry'uhagarariye FAO mu Rwanda, Bwana Panos** wavuze ko ku isi habarurwa abugarijwe n'inzara miliyoni 800 zose kandi abenshi bari muri Asiya n'Afurika. Ngo mu Rwanda rero naho inzara yakunze **kuhavugwa n'amateka yerekana ko inzara zikaze zabayeho** arizo : Ruzagayura, Rumanura (imbaba : ni agafuni kabaga karangiye nyirako akakagurisha agashakamo ibiribwa), Gwakwege...

Minisitiri Makuza yavuze ko unaretse amateka n'ubu hari abatari bake batabona ibiribwa bihagije. Yasobanuye impamvu ebyiri zitera kubura ibitunga abantu mu Rwanda bihagije. icya mbere ngo ni umusaruro udahagije abaturage, ikindi kikaba ubushobozi buke bw'abaturage bwo kutabasha guhaha.

Icyakora yahumuriye abari aho ko **Leta ifite ingamba zo kwiyemeza ko mu 2020 nta Munyarwanda uzaba akicwa n'inzara**, gusa ariko ko ibyo bitazikora, maze asaba ko buri wese yashyiraho ake ahagurukira **gufata neza ubutaka no kurengera ibidukikije cyane harwanywa isuri**. Ikindi ni uko buri wese yamenya ko hari ibihingwa by'ibanze bitanga umusaruro **nk'ibigori, amasaka n'umuceri hamwe n'ingengabukungu nk'icyayi, ikawa n'indabo byatezwa imbere**. Ibyo ngo bizajyana no **kugira ubuhinzi n'ubworozi umwuga**, umwuga utunze ba nyirawo bakava mu buryo bwa gakondo.

CENTRE DE LUTTE CONTRE L'IMPUNITE  
ET L'INJUSTICE AU RWANDA (CLIIR)

BP 141 Bruxelles 3

1030 BRUXELLES

Tél/Fax : 32.81.60.11.13

GSM: 32.476.70.15.69

Mail : cliir2004@yahoo.fr

Bruxelles, le 28 septembre 2006

## COMMUNIQUE n° 95/2006

### **Rwanda : La faim est une arme de destruction massive utilisée par le régime de Paul KAGAME pour exterminer la population.**

Le Centre de Lutte contre l'Impunité et l'Injustice au Rwanda (CLIIR)\* dénonce et condamne les autorités rwandaises qui utilisent la faim comme une nouvelle arme de destruction massive pour exterminer les paysans Hutu, Twa et Tutsi rescapés du génocide rwandais. Dans le livre d'un expert suisse de la FAO, M. Jean ZIEGLER, intitulé « **L'empire de la honte** » et édité aux éditions Fayard en 2005, l'utilisation de la faim comme une arme d'extermination des peuples y est présentée à la page 117 comme suit : « *Le massacre par la sous-alimentation et par la faim de millions d'être humains reste le principal scandale du début de ce troisième millénaire. C'est une absurdité, une infamie qu'aucune raison ne saurait justifier ni aucune politique légitimer. Il s'agit d'un crime contre l'humanité indéfiniment répété...* ». La faim fait partie des armes d'extermination du président Kagame.

**Le maire du district de Muhanga (ville de Gitarama), Monsieur HATEGEKA Augustin, a ordonné à la population de détruire toutes leurs plantations de bananeraie ce Samedi 30 septembre 2006 au cours des travaux communautaires obligatoires (UMUGANDA).** Chaque propriétaire de bananeraie a reçu l'ordre de couper sa bananeraie lui-même dans une réunion tenue au Stade de la ville de Gitarama il y a quelques jours. La population devra s'abstenir de planter les haricots ou d'autres cultures à la place de la bananeraie et devra attendre que le gouvernement distribue les graines de FLEURS ou d'autres cultures qui leur seront proposées **Une amende de 50.000 francs rwandais ou une peine de prison sont prévues pour tout citoyen qui refusera de détruire sa bananeraie ce samedi 30/09/2006.** Le Maire Hategeka Augustin a menacé la population que des contrôles stricts seront effectués par l'administration du district. Depuis plus d'un mois déjà, la population s'oppose évidemment à ce « *suicide collectif* » qui leur est proposé et s'apprête à désobéir à cette décision injuste visant à la faire mourir de faim. Suite à la pénurie de la patate douce et du manioc à Gitarama, la banane constitue la nourriture encore trouvable à un prix exorbitant. Seule la région de Gitarama doit détruire la bananeraie, les autres provinces sont épargnées.

En effet, dans **notre communiqué n°94/2006 du 25 août 2006** intitulé : « *Le régime rwandais provoque la mort et la révolte par la faim, la misère organisée et la terreur d'Etat : Le cas de Gitarama* », le CLIIR avait déjà dénoncé et condamné la décision, prise par les autorités, de consacrer les travaux communautaires (UMUGANDA) du samedi 26 août 2006 pour détruire les plantations de bananeraie dans l'ancienne province de Gitarama (ville qui dépend du district de Muhanga actuellement). Dans une autre réunion tenue dans la même ville de Gitarama (secteur Gahogo) le dimanche 10 septembre 2006, l'autorité locale a « *sensibilisé* » les citoyens à détruire, eux-mêmes, leur bananeraie et de ne laisser que les troncs de bananiers qui portent encore des régimes de bananes. Cette autorité a déclaré qu'il existe **d'autres cultures plus rentables comme les ananas, les fleurs ou les orangers** qui vont

remplacer la bananeraie. Rappelons que dans leurs habitudes alimentaires, les rwandais ne s'intéressent pas beaucoup aux fleurs ou aux fruits.

Après avoir provoqué la pénurie des vivres de première nécessité comme la patate douce, le manioc et le sorgho (le régime rwandais a confisqué les marais et les terres fertiles), le noyau dur des chefs militaires et politiques Tutsi du FPR (Front Patriotique Rwandais) a planifié de massacrer la population par la faim. Ce noyau dur de criminels, impliqués dans le génocide rwandais, exige que les paysans rwandais (à majorité hutus) **détruisent leurs plantations de bananeraie qui représentent leur dernière source de nourriture et de boissons** pour eux et pour leur bétail. Face à cette proposition de « *suicide forcée* », la population désobéit et refuse de détruire son dernier maigre grenier de vivres. Les autorités rwandaises **forcent les paysans à cultiver à la place du bananier des fleurs, des ananas ou des orangers qui seraient, d'après elles, plus rentables que la banane**. Mais ces autorités savent très bien que les paysans rwandais ne mangent pas les « *fleurs* » ou les « *billets de banque* » au cas où les fleurs rapporteraient de l'argent. Leurs supermarchés c'est leur bananeraie et leurs champs qui leur procurent de la nourriture. Depuis des siècles et des siècles, ces paysans rwandais vivent de leurs récoltes qui se trouvent à portée de main dans leurs champs situés sur leurs collines et non loin de leurs habitations.

**Exiger que les paysans détruisent leur bananeraie équivaut à les massacrer trois fois** : 1) par la faim qui provoque la mort et la honte, 2) par la sous-alimentation sévère et chronique qui détruit et affaiblit le corps, 3) par l'angoisse et l'humiliation qui provoque la révolte et la lutte pour recouvrer les droits et la dignité perdus.

Les paysans rwandais n'ont ni les moyens, ni les habitudes ou des véhicules pour aller faire du shopping dans les grandes surfaces comme en Europe. Leur shopping se déroule dans leurs champs. Et les autorités rwandaises s'emploient à les désorganiser complètement.

**Le vélo**, qui était leur seul et accessible moyen de déplacement rapide et moins cher, **est interdit de circuler** dans les villes et sur les routes asphaltées. Il arrive fréquemment que les cyclistes soient battus et blessés gravement par les militaires, les policiers et les miliciens du FPR (Local Defense Forces) qui abusent souvent d'une telle interdiction arbitraire et non inscrite ou définie par la loi. Depuis l'arrivée des européens au Rwanda, le vélo a toujours été le moyen de déplacement d'une bonne partie de la population rwandaise. Elle n'avait jamais été interdite de circuler ni dans les villes ni dans les campagnes. Le Rwanda est le seul pays où le vélo est interdit grâce aux autorités qui s'efforcent d'exclure et d'anéantir les pauvres.

Face à l'obstination de ceux qui exigent la destruction de la bananeraie au Rwanda, l'un des grands journalistes américains, **Walter PINCUS**, qui écrit depuis quarante ans dans le « **Washington Post** », pourrait décrire le comportement des autorités rwandaises comme suit: « *Nous ne nous soucions pas des plus démunis. Plus personne n'écrit d'articles sur eux. Nous avons chassé les journalistes indépendants et muselé la Société civile, les confessions religieuses et les syndicats. Les pauvres n'existent plus à nos yeux, parce que nous sommes tous grassement payés et que nous faisons partie de la classe sociale qui tire profit de cette politique* » d'exclusion, des biens mal acquis et des salaires de la corruption<sup>1</sup>. Ces salaires, doublés d'indemnités, sont attribués à tous les hauts cadres politiques qui exécutent ces décisions insensées et affament les citoyens rwandais par des lois et des directives liberticides.

---

<sup>1</sup> **Pour corrompre et museler les hauts dirigeants et dignitaires du Rwanda**, le président rwandais Paul KAGAME (qui s'est attribué 10.390.282 Frw par mois) a accordé des salaires et des indemnités mensuels très élevés aux ministres (2.038.698 Frw/mois), aux députés (1.077.760), aux sénateurs (1.233.893) qui votent et signent des lois et des décisions politiques liberticides. La majorité des fonctionnaires, des employés et des enseignants touchent des salaires de misère (entre 20 et 30.000 francs rwandais/mois soit moins de 50 euros/mois). Pourtant ce sont eux qui travaillent beaucoup et souffrent de la faim et de la sous-alimentation.

Si les autorités administratives et autres du Rwanda ont le devoir et la mission d'éduquer et d'orienter la population sur le chemin de son bien-être, **elles n'ont absolument aucun droit de brutaliser et de terroriser les citoyens qu'elles sont censées servir.** L'attitude arrogante et le comportement brutal, terroriste et irresponsable de certaines autorités civiles et militaires sont inacceptables. Pour affamer et terroriser tout propriétaire d'une bananeraie, cette contrainte de détruire soi-même sa plantation de bananeraie qui le nourrit, c'est-à-dire « *se suicider par la faim* », est assortie de mesures punitives contre ceux qui refuseraient d'obéir : une amende arbitraire de 50.000 Frw ou un emprisonnement.

### **L'utilité de la bananeraie n'est plus à démontrer :**

Rappelons que **le bananier est une culture ancestrale (considérée comme la vache du cultivateur) du Rwanda qui couvre plusieurs besoins** de la population paysane et citadine :

- La bananeraie fournit de la nourriture (banane à cuire, banane mûre) non seulement aux hommes mais aussi au bétail (les vaches consomment ses feuilles et son tronc ainsi que les épluchures des bananes à cuire ou des bananes à vin ou mûres) ; le cendre des feuilles de bananier sert à fermenter le sorgho pour la bière de sorgho, etc...
- La bananeraie fournit la principale boisson utilisée dans toutes les fêtes et cérémonies sociales (mariages, baptêmes, deuil, anniversaires et autres) ou vendue dans les cabarets villageois. Le vin de banane est l'équivalent du vin de vigne en Europe ;
- Elle fournit des matériaux de construction pour des huttes (toiture de maison en pisée ou en chaume, cordes pour lier tout matériel) et du combustible pour cuire ou chauffer). Les feuilles de bananier sont utilisées pour la toiture de nombreuses maisons paysannes pour ceux qui ne peuvent pas s'offrir une toiture de tôles ondulées ;
- Les feuilles de bananier servent à de nombreux autres usages (protéger le caféier et le sol contre l'érosion et y maintenir de l'humidité pendant la sécheresse, favoriser la prolifération des insectes et cigales qui nourrissent les poules et les canards, etc.) ;
- Bref, la bananeraie est une véritable vache nourricière pour des millions de paysans rwandais. D'ailleurs les régions dont le sol s'apprête bien au bananier comptent des paysans plus riches (Kibungo à l'Est, Gisenyi au Nord-Ouest et Cyangugu au Sud-Ouest, etc.).

**La destruction de la bananeraie a déjà fait ses victimes à Gisenyi** : Dans la région fertile du Bugoyi (ancienne province de Gisenyi) où le bananier poussait très bien, les autorités rwandaises ont détruit les plantations de bananeraie en 1998 durant la guerre attribuée aux « *infiltrés Hutus* » et ont ainsi accentué la famine devenue chronique. La pauvreté a accentué la misère des paysans et ramené la prolifération des « chiques » (amavunja). Les chiques « amavunja » sont revenues. Les chiques sont des sortes de parasites qui s'implantent dans les orteils, les doigts et autres extrémités du corps. Au Bugoyi, les chiques ont attaqué la bouche, les oreilles et le nez des pauvres paysans de cette région jadis très riche et autosuffisante.

### **CONCLUSION :**

Tout comme pour l'annulation de la décision d'interdire les taxi-motos dans la capitale rwandaise KIGALI, **les autorités rwandaises devraient revenir sur leur décision de contraindre les paysans rwandais à détruire leur bananeraie.** Les motards de Kigali-Ville ont menacé de manifester leur mécontentement le 31 août 2006, date butoir à laquelle aucune moto ne devait plus rouler dans le centre ville. Le 30 août 2006, vers 19 heures, les autorités, craignant des émeutes incontrôlables, ont annoncé à la Radio nationale que les motos pourront circuler dans la ville (après une semaine de contestation). Mais que les motards devaient se munir de nouvelles attestations qu'ils doivent retirer auprès de toute une brochette d'autorités locales.

Toujours de nouveaux obstacles à la liberté de circuler qui est bafouée quotidiennement par le régime FPR. Ce régime qui opprime et rackette le peuple rwandais depuis plus de 12 ans. Tout comme le taxi moto fait vivre son propriétaire et le motard qui le conduit, **la bananeraie nourrit chaque jour le paysan et son bétail** et profite même à ses voisins.

**Dans les capitales européennes, on n'a pas encore interdit des pommiers, des cerisiers, des vignes ou des orangers dans les jardins privés.** Pourquoi les autorités rwandaises trouvent-elles déplacées le bananier qui constitue une culture ancestrale utile et pourquoi pas ornementale lorsqu'il est bien entretenu ? Il n'y a aucune honte de garder le bananier dans les jardins urbains ou tout au long des routes asphaltées du pays. **Dès lors, il est évident que la destruction de la bananeraie cache un projet diabolique d'affamer la population afin de renforcer la famine qui sévit au Rwanda depuis longtemps.**

### **La population résiste et survit, les autorités la menacent et la terrorisent :**

**Voici le prix indicatif moyen en Francs rwandais et par Kg de quelques denrées alimentaires :** banane à cuire = 100 Fr/kg ; pommes de terre=110 ; patate douce=110 ; haricots =200 ; haricots=200 ; farine de sorgho=300 ; farine manioc=200 ; farine maïs=200 ; riz=480 ; sucre=700 ; viande=1100 ; poisson frais=1200 ; pain coupe =600/pce ; lait de vache=300/litre ;huile d'arachide=800/litre ; huile de palme=500/litre ; bière Primus =450

Si les paysans paniquent et acceptent le « *suicide* » qui leur est proposé par le pouvoir FPR, ils mourront de faim. **Ils ont le devoir de désobéir à des décisions irresponsables. Notre adversaire, c'est le sentiment universel de fatalité. Les fatalistes ont toujours tort.**

### **RECOMMANDATIONS : Le Centre recommande instamment :**

- que le régime rwandais, incapable de réduire la faim et la pauvreté, cesse sa politique d'affamer la population rwandaise par la confiscation des marais et des terres fertiles ;
- que toutes les autorités rwandaises abandonnent immédiatement toutes les politiques irresponsables visant à affamer et à appauvrir la population ;
- que les autorités rwandaises apprennent à écouter et à servir la population et cessent leur politique suicidaire visant à contraindre les paysans à détruire leurs bananeraies ;
- que les autorités rwandaises respectent le choix du citoyen et cessent de le prendre pour un idiot. Le citoyen a le droit de cultiver ce qu'il veut dans sa propriété. Les dirigeants doivent écouter leurs administrés sans les harceler et les terroriser ;
- que les autorités rwandaises laissent le choix au cultivateur qui devra juger et évaluer si les fleurs, les ananas et les orangers peuvent assurer la survie de sa famille. Pour ce faire que la liberté du citoyen, qui subvient à ses besoins sans l'aide de l'Etat, soit respectée ; Tout responsable politique, militaire ou administratif n'a aucun droit d'user de la force ou de la terreur face à des citoyens qui défendent pacifiquement leurs biens et protègent leurs bananeraies car le gouvernement est incapable de les nourrir.
- que les principaux pays occidentaux (USA, Angleterre, Canada et Belgique), qui soutiennent aveuglement le régime dictatorial du président Paul KAGAME, le dissuadent de conduire les paysans rwandais vers un nouveau « *suicide collectif* »

Pour le Centre, MATATA Joseph, Coordinateur.



**CLIR\*** : Le Centre de Lutte contre l'Impunité et l'Injustice au Rwanda est une association de défense des droits humains basée en Belgique, créée le 18 août 1995. Ses membres sont des militants des droits humains de longue date. Certains ont été actifs au sein d'associations rwandaises de défense des droits humains et ont participé à l'enquête CLADHO/Kanyarwanda sur le génocide de 1994. Lorsqu'ils ont commencé à enquêter sur les crimes du régime rwandais actuel, ils ont subi des menaces et ont été contraints de s'exiler à l'étranger où ils poursuivent leur engagement en faveur des droits humains.

**Remarque : Extraits du livre : « L'empire de la honte » de Jean ZIEGLER :**

**Page 117** : Dans le livre d'un expert suisse de la FAO, M. Jean ZIEGLER, intitulé « **L'empire de la honte** » et édité aux Editions FAYARD en 2005, la faim y est présentée à la page 117 comme suit : « *Le massacre par la sous-alimentation et par la faim de millions d'être humains reste le principal scandale du début de ce troisième millénaire. C'est une absurdité, une infamie qu'aucune raison ne saurait justifier ni aucune politique légitimer. Il s'agit d'un crime contre l'humanité indéfiniment répété...* »

Toutes les cinq secondes, un enfant en dessous de 10 ans meurt de faim ou de maladies liées à la malnutrition. C'est ainsi que la faim aura tué en 2004 plus d'être humains encore que toutes les guerres réunies conduites au cours de cette même année....**En 2001, un enfant en dessous de 10 ans mourait de faim toutes les sept secondes**<sup>2</sup>. Cette même année, 826 millions de personnes avaient été rendues invalides des suites d'une sous-alimentation grave et chronique. **Elles sont 841 millions aujourd'hui**<sup>3</sup>. Entre 1995 et 2004, le nombre des victimes de la sous-alimentation chronique a augmenté de 28 millions de personnes

**Page 118** : ...**La faim signifie souffrance aiguë du corps**, affaiblissement des capacités motrices et mentales, exclusion de la vie active, marginalisation sociale, angoisse du lendemain, perte d'autonomie économique. Elle débouche sur la mort.

La sous-alimentation se définit par le déficit des apports en énergie contenus dans la nourriture que consomme l'homme. Elle se mesure en calories –la calorie étant l'unité de mesure de la quantité d'énergie brûlée par le corps

...Dans le monde, **environ 62 millions de personnes, soit 1% de l'humanité** – toutes causes de décès confondues – **meurent chaque année**. En 2003, 36 millions sont mortes de faim ou de maladies dues aux carences en micronutriments.

La faim est donc la principale cause de mort sur notre planète. **Et cette faim est faite de main d'homme. Quiconque meurt de faim meurt assassiné**. Et cet assassin a pour nom la dette.

La FAO (Organisation des Nations Unies pour l'alimentation et l'agriculture) distingue entre faim « *conjoncturelle* » et faim « *structurelle* ». La faim conjoncturelle est due au brusque effondrement de l'économie d'un pays ou d'une partie de celle-ci. Quant à la faim « structurelle », elle est induite par le sous-développement du pays.

-----

**Selon le rapport 2002 du gouvernement rwandais**, 90 pour cent des 8,3 millions d'habitants que compte le Rwanda vivent en milieu rural et depuis le génocide de 1994, un tiers des ménages est dirigé par une femme ou des enfants.

En outre, le Rwanda a une densité de population de 300 habitants au kilomètre carré, ce qui pose un réel problème à la politique du gouvernement en matière de réduction de la pauvreté. Et compte tenu du fait que beaucoup de ménages pauvres vivent en milieu rural, le gouvernement a réalisé plusieurs études pour déterminer le nombre exact de Rwandais concernés par cette situation, la toute dernière étude ayant été menée par le nouvel Institut National de la Statistique du Rwanda. « *L'objectif principal de ces études est avant tout de renforcer la capacité du gouvernement du Rwanda afin qu'il puisse fonder ses décisions sur des statistiques fiables, dans la coordination de programmes nationaux en faveur des communautés rurales* », a expliqué Louis Munyakazi, le directeur général de l'institut.

<sup>2</sup> FAO, State of Food Insecurity in the World, 2001 et 2004, Rome, 2001 et 2004.

<sup>3</sup> Ibid